



**ITANGAZO RIREBA ABIFUZA GUSABA INGUZANYO YO KWIGA MU ISHURI RIKURU RYIGISHA UBUMENYINGIRO N'IKORANABUHANGA (RWANDA POLYTECHNIC), MU MWAKA W'AMASHURI 2022-2023.**

Ubuyobozi bw'Ikigo gishinzwe Amashuri Makuru na Kaminuza (Higher Education Council) buramenyeshya abanyeshuri barangije umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye muri 2022, bakaba bifuza gusaba inguzanyo yo gutangira kwiga mu mwaka wa mbere mu Ishuri Rikuru ryigisha Ubumenyingingiro n'Ikoranabuhanga (Rwanda Polytechnic/IPRCs) ibi bikurikira:

1. Gusaba inguzanyo bizakorwa guhera tariki ya 31/12/2022 kugeza ku ya 15/01/2023. Nyuma y'ayo matariki nta busabe bw'inguzanyo buzakirwa.
2. Usaba inguzanyo agomba kuba yaramaze gusaba umwanya (Application for Admission) muri "Rwanda Polytechnic".
3. Gusaba inguzanyo bikorwa hakoreshejwe umurongo wa interineti ukurikira: <https://mis.hec.gov.rw/bursary/Apply-Local-Loan>.
4. Usaba inguzanyo agomba kuzuzwa neza amakuru yose asabwa. Ubusabe bwujuje nabi cyangwa butujuje ibisabwa ntabwo buzasuzumwa.
5. Usaba inguzanyo agomba kuba afite ibi bikurikira: (a) Kopi y'indangamuntu ye, (b) Urupapuro rw'amanota yabonye arangiza amashuri yisumbuye (Results Slip).
6. Amazina ari ku ndangamuntu agomba kuba ahuye n'ayo ku rupapuro rw'amanota yabonye arangiza amashuri yisumbuye (Results Slip). Mu gihe bidahuye, agomba kubanza kubikosoza muri NESI cyangwa NIDA mbere yo gusaba ishuri n'inguzanyo.
7. Usaba agomba kuzuzwa neza: **numero y'indangamuntu, numero yihariye y'umunyeshuri yahawe na Rwanda Polytechnic (reference number), Email ikora neza kandi yibuka neza umubare w'ibanga (password), numero ya telefoni.** Uzabyuzuzwa nabi ntabwo ubusabe bwe buzasuzumwa.
8. **Abemerewe gusaba inguzanyo ni abarangije amashuri yisumbuye muri 2022 gusa.**

Bikorewe i Kigali kuwa 30/12/2022

**Dr. Rose MUKANKOMEJE**  
Umuyobozi Mukuru

